# IMYANZURO Y'INAMA YA 12 Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA (RALGA)

## YABAYE KU ITALIKI YA 8 KANAMA 2009

Inama y' Inteko Rusange ya 12 y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA) yateranye ku wa 8 Kanama 2009, mu cyumba cy'inama cya Hoteli Laico Umubano, mu Karere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Iyo nama yitabiriwe n'aba bakurikira :

- Abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi za RALGA ;
- Abanyamuryango ba RALGA ;
- Abafatanyabikorwa ba RALGA.

## Ijambo ry'ikaze

Ijambo ry'ikaze ryavuzwe na Bwana Célestin KARABAYINGA, Visi Perezida wa RALGA, watangiye ashimira kandi aha ikaze abitabiriye inama bose, abasaba by'umwihariko kwakira Nyakubahwa Ministiri w'Ubutegetsi bw'igihugu, Bwana Christophe BAZIVAMO witabiriye inama nk'umushyitsi mukuru akaba na Perezida w'icyubahiro wa RALGA.

Yashyikirije kandi abitabiriye inama y'Inteko Rusange ya RALGA indamutso ya Madamu Aisa KIRABO KACYIRA, Perezida wa RALGA utarashoboye kwitabira inama kubera impamvu z'uburwayi.

Yakomeje yerekana abo bafatanije kuyobora RALGA aribo bagize Komite Nyobozi n'abagize Komite Ngenzuzi. Yerekanye kandi abafatanyabikorwa ba RALGA (Sida, CIDA, Intrahealth Twubakane-USAID, DED, SNV, Conseil National des Femmes, DUSAF-UNR, NDIS, Gender Budgeting Project- MINECOFIN,...).
Yerekanye kandi Umunyamabanga Mukuru wa RALGA n'abakozi b'Ubunyamabanga Bukuru, abahagarariye Biro z'Inama Njyanama z'Uturere, abahagarariye Komite Nyobozi z'Uturere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Uturere, abahagarariye Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abahagarariye ba Perezida b'Inama Njyanama z'Imirenge.

Bwana Visi Prezida wa RALGA yakomeje yerekana muri rusange ibimaze kugerwaho mu rwego rw'ibikorwa by'Ishyirahamwe. Ibyo ni ibi bikurikira:

- Gukora "website" ya RALGA mu rwego rwo kongera uburyo bw'itumanaho ryihuse ;
- Gushyiraho "RALGA Consult" nk'urwego ruzafasha Ishyirahamwe kubona imari irifasha mu mirimo yaryo, hakaba haratangiye igikorwa cyo kuyishakira ibyangombwa;

- Ibikorwa by'amahuriro y'abahuje inshingano (forums) anyuranye ( Abayobozi b'Uturere, Abayobozi bungirije b'Uturere bashinzwe Imari n'Ubukungu, Abayobozi bungirije b'Uturere bashinzwe imibereho myiza y'abaturage, ba Perezida b'Inama Njyanama z'Uturere,...
- Umunsi wo kwizihiza udushya wiswe "Local Governement Innovation day"
- Mu rwego rwo kwiyubakira ibiro habonetse ikibanza i Masaka mu Karere ka Kicukiro, Vice Perezida wa RALGA akaba yaraboneyeho umwanya wo gushimira ubuyobozi bw'umujyi wa Kigali n'Akarere ka Kicukiro ku ruhare babigizemo;
- Hateguwe gahunda y'ibikorwa y'imyaka 5 "*Strategic Plan 2010-2014*"

Mu gusoza ijambo rye, Visi Perezida wa RALGA yasabye Umushyitsi Mukuru, Ministitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu gutangiza ku mugaragaro inama y'Inteko Rusange kandi aboneraho no kwifuriza abitabiriye inama umunsi mwiza.

## Ijambo rya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yatangiye ashimira Bwana Visi Prezida wa RALGA ku ijambo ryiza ryerekana ibyo RALGA yagezeho ndetse n'ibyo iteganya gukora. Yashimiye kandi RALGA ibikorwa byayo bigamije gushimangira imibereho myiza yunganira

ibikorwa bya Guverinoma bigamije kubaka igihugu mu nzego zinyuranye binyuze mu nshingano zayo zijyanye no kongerera ubushobozi abanyamuryango, kubakorera ubuvugizi no kubahagararira.

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yatanze ikiganiro cyerekana ko intambwe igihugu kimaze gutera ikeneye imbaraga za bose kugira ngo birinde icyatuma habaho gusubira inyuma, cyane cyane mu rwego rwo kurwanya ubukene no kwibohora ingoyi yo guhora dufashwa n'abandi.

By'umwihariko yerekanye ko urwego rwa RALGA rugomba guharanira ibikorwa birambye kandi bigaragaza intambwe n'ibakwe, bityo bikaba bisaba guhindura imyumvire n'imikorere hagamijwe kongerera ubushobozi abaturage kugirango bafashwe kugira imibereho myiza ibereye umunyarwanda.

RALGA rero ikaba isabwa kuganisha inshingano yayo yo kongera ubushobozi mu bikorwa bigera no ku muturage, ntibigarukire gusa ku bayobozi n'inzego z'ibanze. Muri urwo rwego, amarushanwa RALGA itegura akaba agomba no kwita ku buryo ibikorwa bishimwa biba byaragiriye akamaro abanyarwanda benshi.

Bwana Minisitiri yakomeje ashishikariza abitabiriye inama kugira uruhare rufatika mu gushyigikira gahunda za Leta zinyuranye

zigamije iterambere ry'igihugu. Mu buhinzi n'ubworozi yavuze nka "*Land consolidation*" naho mu burezi yibutsa"*Nine years basic education*" ndetse no kubaka ibyumba by'amashuri aho bikiri bikeya. Muri rusange yasabye ko abanyamuryango ba RALGA ko

- bashishikarira kurangiza ibyatangiwe,
- kugira ikurikiranabikorwa rihamye ku nzego zose (Umurenge, Akagari n'Umudugudu) kugera no mu rugo rwa buri muturage,
- gutuma ibikorwa byose bigirwamo uruhare na benshi mu rwego rwo kongera umusaruro,
- guhuza abahuje ubumenyi kugira ngo bamwe bigire ku bandi kandi inyungu rusange igasumba inyungu ya buri muntu ku giti cye kuko ari yo soko y'amakimbirane adindiza amajyambere.

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu yagaragaje ko ibi byose bitashoboka hadashyizwe imbaraga ku kurwanya ruswa n'akarengane, amakimbirane ashingiye ku kurwanira imyanya kuko biha isura mbi inzego z'ibanze kandi bikagabanya icyizere abaturage bagirira inzego z'ibanze.

Bwana Minisitiri yashoje ijambo rye ashimira abanyamuryango ba RALGA ku bushake bagaragaza mu guteza imbere igihugu, abasaba kurwanya imyitwarire idahwitse aho yaba igaragara, baharanira kuba intangarugero. Yaboneyeho kandi kubifuriza inama nziza kandi abasaba no kwibanda ku bikorwa byongera icyizere abanyarwanda

bifitemo bityo mu gihe cya vuba tukazareka guhora dusindagizwa n'abandi.

**Inama nyir'izina**

Inama y'Inteko rusange ya RALGA yize ku ngingo zikurikira:

***Ingingo ya 1 :*** Gusuzuma no kwemeza inyandiko zikurikira :

- Inyandikomvugo y'inama yo ku wa 6 Ukuboza 2008;
- Raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'amafaranga mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2009;

***Ingingo ya 2:*** Kuvugurura ingengo y'imari y'umwaka wa 2009

***Ingingo ya 3:*** Gusuzuma no kwemeza "*Strategic Plan 2010-2014*" ya RALGA;

***Ingingo ya 4:*** Raporo ya Komite Ngenzuzi;

***Ingingo ya 5:*** Amatora yo gusimbura Komiseri ushinzwe amategeko na Politiki;

***Ingingo ya 6***: Kwemeza imyanzuro y'inama

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku yindi, Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yemeje imyanzuro y'inama y'Inteko Rusange ya RALGA yateranye ku wa 6 Ukuboza 2008 muri Hoteli "*La Palisse Club*" i Nyandungu imaze kuyikorera ubugororangingo.

2. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yemeje Raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'amafaranga mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2009 imaze kuyikorera ubugororangingo.
3. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yemeje Raporo ya Komite Ngenzuzi imaze kuyunguranaho ibitekerezo;
4. Inama y'Inteko Rusange yemeje ingengo y'imari ivuguruye y'umwaka wa 2009 imaze kuyikorera ubugororangingo.
5. Inama y'Inteko Rusange yemeje *"Strategic Plan 2010-2014"* ya RALGA imaze kuyikorera ubugororangingo no kuyongeramo ibitekerezo;
6. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko gahunda yo kongera ubushobozi ya RALGA yibanda ku bikorwa bizamura imibereho myiza y'abaturage ntibigarukire gusa ku gutanga ubumenyi ku bayobozi. Bityo kandi amarushanwa ategurwa akazajya yibanda ku bikorwa bigirira akamaro abaturage benshi;
7. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko RALGA izafasha abanyamuryango bayo kugira uburyo buhamye bw'ikurikiranabikorwa kugira ngo buri gikorwa gitangiwe kirangizwe;
8. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko RALGA igomba gukomeza guhuza abahuje inshingano ku gikorwa kugira ngo bamwe bigire ku bandi kandi bahererekanye ifumba y'ubukire n'ubumenyi;
9. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko RALGA igomba gufasha mu ikumirwa ry'amakimbirane mu nzego z'ibanze ndetse ikagira uruhare mu isesengura ry'ingaruka mbi z'amakimbirane mu iterambere ryazo;
10. Inama y'Inteko Rusange yemeje ko RALGA igomba gufasha abanyamuryango bayo kurwanya ruswa n'akarengane mu rwego rwo guharanira ubuyobozi bwizewe kandi bukunzwe n'abaturage;

11. Inama y'Inteko Rusange yasabye abayobozi ba buri Karere kugira gahunda ihamye ijyanye n'uburyo bazakorana n'abanyeshuri bo muri Kaminuza bagakomokamo, bibumbiye mu ishyirahamwe DUSAF (District University Students' Association Forum) mu rwego rwo kubakangurira ibikorwa by'Akarere no guhesha agaciro izo mbaraga z'urubyiruko ruzaba ruri mu buyobozi mu gihe kiri imbere;

12. Inama y'Inteko Rusange yashyigikiye igikorwa RALGA yatangiye cyo gufasha Uturere mu gutanga akazi (recruitment) inifuzako cyakongererwa imbaraga kandi kikarushaho kunozwa;

13. Inama y'Inteko Rusange yashyigikiye gahunda yatangiwe n'Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA yo kugira uburyo busobanutse bw'imikoranire hagati ya RALGA n'inzego zinyuranye za Leta binyuze mu masezerano (*Memorandum of Understanding)*, by'umwihariko hagati RALGA na MINALOC, isaba ko byakwihutishwa;

14. Inama y'Inteko Rusange yasabye RALGA gukurikirana mu rwego rw'ubuvugizi kugira ngo "Reform" iri imbere izite ku guhuza inshingano n'ubushobozi mu nzego z'ibanze;

15. Inama y'Inteko Rusange yashimangiye ikurikiranwa ry'itangwa rya service nziza mu nzego z'ibanze no muri "*Private sector*" (abikorera ku giti cyabo) nk'uko byatanzweho umurongo na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika;

16. Inama y'Inteko Rusange yashyigikiye Imihigo nk'urwego (framework) rufasha mu kwihutisha iterambere igihugu cyihaye kigana mu cyerekezo 2020;

17. Inama y'Inteko Rusange yatoye Madamu GATETE Catherine ku mwanya wa Komiseri ushinzwe amategeko na Politiki, isaba Komite Nyobozi kuzakira indahiro ye;

18. Inama y'Inteko Rusange yemeje imyanzuro y'Inteko Rusange imaze kuyikorera ubugororangingo.

**GUSHIMIRA**

1. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yashimiye Guverinoma y'u Rwanda n'izindi nzego za Leta, abafatanyabikorwa, inshuti n'abanyamuryango ba RALGA kubera inkunga n'ubufatanye bahora bayigaragariza.
2. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yashimiye Perezida wa RALGA, abagize Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi n'abakozi ba RALGA ku murimo unoze ndetse n'ubwitange badahwema kugaragaza. By'umwihariko, abari mu nama bifurije Madamu Aisa KIRABO KACYIRA gukira vuba.
3. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA yashimiye kandi abitabiriye inama y'Inteko Rusange bose kubera ibitekerezo byubaka batanze.

**Bikorewe i Kigali, kuwa 8 Kanama 2009**

**Umuyobozi w'Inama**
**Célestin KARABAYINGA**

**Umwanditsi w'Inama**
**Nyangezi BONANE**